***REPUBULIKA Y'U RWANDA***

**URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA**

**KUMENYESHA ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RC 00099/2021/TB/BWS NA RS/RECT/RC 00001/2022/TB/BWS**

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

Umunsi wa 08, ukwezi kwa Kamena, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri ;

Njyewe MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura;

Maze kubona ko urubanza RC 00099/2021/TB/BWS rwaciwe none kuwa 23/03/2022, ICYIMPAYE Gorette mwene MIRUHO Augustin na MUKARUYONGA Alexiane utuye umudugudu wa Kanyinya, Akagari ka Ngoma, Umurenge wa Gishyita, Akarere ka Karongi, Intara y'iburengerazuba, TEL +250788782434 e-mail icyimpayemarie.gorette@gmail.com aregera ubutane bwa burundu akarega MANIRAKARAMA Celestin mwene MUNYANKIKO na MUKAGASANA utuye umudugudu wa Kanyinya, Akagari ka Ngoma, Umurenge wa Gishyita, Akarere ka Karongi, Intara y'iburengerazuba , TEL +250783286431, MANIRAKARAMA Celestin adahari;

Maze kubona ko urwo rubanza RC 00099/2021/TB/BWS rwasabiwe gukosorwa mu rubanza RS/RECT/RC 00001/2022/TB/BWS rwaciwe kuwa 26/04/2022 ;

Maze kubona ko MANIRAKARAMA Celestin agomba kumenyeshwa icyemezo cy'urukiko;

Nshingiye ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Menyesheje MANIRAKARAMA Celestin ko urubanza rwaciwe mu buryo bukurikira :

Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na ICYIMPAYE Gorette gifite ishingiro;

Rwemeje ko ubutane ICYIMPAYE Gorette yasabye abuhawe ku mpamvu z'uko MANIRAKARAMA Celestin yataye urugo.

Rutegetse ko ICYIMPAYE Gorette atandukanye burundu na MANIRAKARAMA Celestin;

Rutegetse ko ICYIMPAYE Gorette ahawe ubutaka bubaruye kuri UPI 3/02/03/06/4205 buherereye mu mudugudu wa Kanyinya, Akagari ka Ngoma, Umurenge wa Gishyita mu Karere ka Karongi na UPI 3/02/03/06/495 buherereye mu mudugudu wa Murambi, Akagari ka Ngoma, Umurenge wa Gishyita mu Karere ka Karongi. Naho MANIRAKARAMA Celestin akaba ahawe umutungo ubaruwe kuri UPI 3/02/10/02/2557 na UPI 3/02/10/02/2454 buherereye mu mudugudu wa Cyahafi, Akagari ka Cyarusera, Umurenge wa Mushubati, Akarere ka Rutsiro;

Rutegetse ko MANIRAKARAMA Celestin asubiza ICYIMPAYE Gorette amafaranga y'ingwate y'amagarama angana n'ibihumbi 10 000frw yatanze aregera Urukiko.

URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA

MPORWIKI Jean Marie Vianney